**AMABWIRIZA Y'UMUYOBOZI MUKURU Nº 001/MINES/RMB/2019 YO KU WA 18/07/2019 AGENA UBWOKO, INGANO N'UBURYO BW'ITANGWA RY'INGWATE YO GUSANA IBIDUKIKIJE**

## ISHAKIRO

**Ingingo ya mbere: Icyo aya mabwiriza agamije**

**Ingingo ya 2: Ingwate yo gusana ibidukikije**

**Ingingo ya 3: Ubwoko bw'ingwate yo gusana ibidukikije**

**Ingingo ya 4: Ingano y'ingwate yo gusana ibidukikije**

**Ingingo ya 5: Ibishingirwaho mu kugena ingengo y'imari yo gusana ibidukikije**

**Ingingo ya 6: Ibigize ingwate yo gusana ibidukikije**

**REGULATIONS OF THE CHIEF EXECUTIVE OFFICER Nº 001/MINES/RMB/2019 OF 18/07/2019 DETERMINING THE NATURE, AMOUNT AND DEPOSIT OF ENVIRONMENTAL REHABILITATION GUARANTEE**

## TABLE OF CONTENTS

**Article One: Purpose of these Regulations**

**Article 2: Environmental rehabilitation guarantee**

**Article 3: Nature of environmental rehabilitation guarantee**

**Article 4: Amount of the environmental rehabilitation guarantee**

**Article 5: Basis for determination of the environmental rehabilitation budget**

**Article 6: Composition of the environmental rehabilitation guarantee**

**RÈGLEMENTS DU DIRECTEUR GÉNÉRAL EN CHEF Nº 001/MINES/RMB/2019 DU 18/07/2019 DÉTERMINANT LA NATURE, LE MONTANT ET LE DÉPÔT DE LA CAUTION DE RÉHABILITATION DE L'ENVIRONNEMENT**

## TABLE DES MATIÈRES

**Article premier: Objet des présents règlements**

**Article 2: Caution de réhabilitation de l'environnement**

**Article 3: Nature de la caution de réhabilitation de l'environnement**

**Article 4: Montant de la caution de réhabilitation de l'environnement**

**Article 5: Base de détermination du budget de réhabilitation de l'environnement**

**Article 6: Composition de la caution de réhabilitation de l'environnement**

| | | |
|---|---|---|
| **Ingingo ya 7: Uburyo bw'itangwa ry'ingwate yo gusana ibidukikije** | **Article 7: Modalities for depositing environmental rehabilitation guarantee** | **Article 7: Modalités de dépôt de la caution de réhabilitation de l'environnement** |
| **Ingingo ya 8: Icyemezo cyo gusana ibidukikije** | **Article 8: Certificate of environmental rehabilitation** | **Article 8: Certificat de réhabilitation de l'environnement** |
| **Ingingo ya 9: Isubizwa ry'ingwate yo gusana ibidukikije** | **Article 9: Refund of environmental rehabilitation guarantee** | **Article 9: Remboursement de la caution de réhabilitation de l'environnement** |
| **Ingingo ya 10: Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'aya mabwiriza** | **Article 10: Repealing provision** | **Article 10: Disposition abrogatoire** |
| **Ingingo ya 11: Igihe aya mabwiriza atangirira gukurikizwa** | **Article 11: Commencement** | **Article 11: Entrée en vigueur** |

**AMABWIRIZA Y'UMUYOBOZI MUKURU Nº 001/MINES/RMB/2019 YO KU WA 18/07/2019 AGENA UBWOKO, INGANO N'UBURYO BW'ITANGWA RY'INGWATE YO GUSANA IBIDUKIKIJE**

**Umuyobozi Mukuru w'Ikigo gishinzwe Mine, Peteroli na Gazi mu Rwanda;**

Ashingiye ku Itegeko n° 58/2018 ryo ku wa 13/08/2018 rigenga ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro na kariyeri, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 42;

Inama y'Abaminisitiri yateranye ku wa 07/06/2019, imaze kubisuzuma no kubyemeza;

**ASHYIZEHO AMABWIRIZA AKURIKIRA:**

**Ingingo ya mbere: Icyo aya mabwiriza agamije**

Aya mabwiriza agena ubwoko, ingano n'uburyo bw'itangwa ry'ingwate yo gusana ibidukikije.

**REGULATIONS OF THE CHIEF EXECUTIVE OFFICER N° 001/MINES/RMB/2019 OF 18/07/2019 DETERMINING THE NATURE, AMOUNT AND DEPOSIT OF ENVIRONMENTAL REHABILITATION GUARANTEE**

**The Chief Executive Officer of Rwanda Mines, Petroleum and Gas Board;**

Pursuant to Law n° 58/2018 of 13/08/2018 on mining and quarry operations, especially in Article 42;

After consideration and approval by the Cabinet, in its session of 07/06/2019;

**ISSUES THE FOLLOWING REGULATIONS:**

**Article One: Purpose of these Regulations**

These Regulations determine the nature, amount and modalities for depositing the environmental rehabilitation guarantee.

**RÈGLEMENTS DU DIRECTEUR GÉNÉRAL EN CHEF N° 001/MINES/RMB/2019 DU 18/07/2019 DÉTERMINANT LA NATURE, LE MONTANT ET LE DÉPÔT DE LA CAUTION DE RÉHABILITATION DE L'ENVIRONEMENT**

**Le Directeur Général en Chef de l'Office Rwandais des Mines, Pétrole et Gaz;**

Vu la Loi n° 58/2018 du 13/08/2018 portant exploitation des mines et carrières, spécialement en son article 42;

Après examen et adoption par le Conseil des Ministres, en sa séance du 07/06/2019;

**ÉMET LES RÈGLEMENTS SUIVANTS:**

**Article premier: Objet des présents règlements**

Les présents règlements déterminent la nature, le montant et les modalités de dépôt de la caution de réhabilitation de l'environnement.

**Ingingo ya 2: Ingwate yo gusana ibidukikije**

Ingwate yo gusana ibidukikije igamije kwemeza ko uwahawe uruhushya rwo gucukura amabuye y'agaciro cyangwa kariyeri azasana ibidukikije bishobora kwangirika biturutse ku bikorwa by'ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro cyangwa kariyeri.

Ingwate yo gusana ibidukikije itangwa n'uwahawe uruhushya rwo gucukura amabuye y'agaciro cyangwa kariyeri.

**Ingingo ya 3: Ubwoko bw'ingwate yo gusana ibidukikije**

Ingwate yo gusana ibidukikije ishobora kuba amafaranga cyangwa ingwate ya banki.

Ingwate ya banki igomba gutangwa na banki yemewe na Banki Nkuru y'u Rwanda.

**Ingingo ya 4: Ingano y'ingwate yo gusana ibidukikije**

Ingwate yo gusana ibidukikije igomba kungana n'ingengo y'imari y'ibyo uwahawe uruhushya rwo gucukura amabuye y'agaciro cyangwa kariyeri

**Article 2: Environmental rehabilitation guarantee**

Environmental rehabilitation guarantee aims at ensuring that a mining or quarry licence holder will rehabilitate environment in respect of any degradation as a result of the mining or quarrying operations.

The environmental rehabilitation guarantee is provided by mining or quarry licence holder.

**Article 3: Nature of environmental rehabilitation guarantee**

Environmental rehabilitation guarantee may be a cash deposit or a bank guarantee.

A bank guarantee must be issued by a bank licenced by the National Bank of Rwanda.

**Article 4: Amount of environmental rehabilitation guarantee**

The amount of the environmental rehabilitation guarantee must be equal to the budget of the liabilities of the mining or

**Article 2: Caution de réhabilitation de l'environnement**

La caution de réhabilitation de l'environnement a pour objet de garantir que le titulaire d'un permis minier ou de carrière réhabilitera l'environnement en cas de dégradation susceptible par les opérations minières ou de carrières.

La caution de réhabilitation de l'environnement est fournie par le titulaire d'un permis minier ou de carrière.

**Article 3: Nature de la caution de réhabilitation de l'environnement**

La caution de réhabilitation de l'environnement peut être un dépôt en espèces ou garantie bancaire.

La garantie bancaire doit être fournie par une banque agréée par la Banque Nationale du Rwanda.

**Article 4: Montant de la caution de réhabilitation de l'environnement**

Le montant de la caution de réhabilitation de l'environnement doit être égal au budget des obligations du titulaire d'un permis minier ou de carrière au titre du programme de gestion de l'environnement.

asabwa gusana hakurikijwe gahunda yo kubungabunga ibidukikije.

quarry licence holder under the environmental management plan.

**Ingingo ya 5: Ibishingirwaho mu kugena ingengo y'imari yo gusana ibidukikije**

Uwahawe uruhushya rwo gucukura amabuye y'agaciro cyangwa kariyeri agena ingengo y'imari yo gusana ibidukikije ashingiye ku gaciro k'ibidukikije bishobora kwangirika biturutse ku bikorwa by'ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro cyangwa kariyeri.

Iyo Umuyobozi Mukuru w'Ikigo gishinzwe Mine, Peteroli na Gazi mu Rwanda agaragaje ko ingengo y'imari yagabanyijwe ku bushake cyangwa ku mpamvu yo kwibeshya, ategeka uwahawe uruhushya rwo gucukura amabuye y'agaciro cyangwa kariyeri kubikosora ku mafaranga ye.

**Ingingo ya 6: Ibigize ingwate yo gusana ibidukikije**

Ingwate yo gusana ibidukikije ikubiyemo:

1 º icumi ku ijana (10%) ridasubizwa ry'ingano y'ingwate yo gusana ibidukikije;

**Article 5: Basis for determination of the environmental rehabilitation budget**

A mining or quarry licence holder determines the environmental rehabilitation budget on the basis of the value of the environment that may be degraded as a result of the mining or quarrying operations.

If the Chief Executive Officer of Rwanda Mines, Petroleum and Gas Board finds that the budget has been intentionally or erroneously undervalued, he or she orders the mining or quarry licence holder to review it at his or her cost.

**Article 6: Composition of the environmental rehabilitation guarantee**

The environmental rehabilitation guarantee is composed of:

1 º ten percent (10%) non-refundable of the amount of environmental rehabilitation guarantee;

**Article 5: Base de détermination du budget de réhabilitation de l'environnement**

Le titulaire d'un permis minier ou de carrière détermine le budget de réhabilitation de l'environnement sur base de la valeur de l'environnement susceptible de dégradation sous l'effet des opérations minières ou de carrières.

Lorsque le Directeur Général en Chef de l'Office Rwandais des Mines, du Pétrole et du Gaz constate que le budget a été sous-évalué intentionnellement ou par erreur, il en ordonne au titulaire d'un permis minier ou de carrière de le revoir à ses frais.

**Article 6: Composition de la caution de réhabilitation de l'environnement**

La caution de réhabilitation de l'environnement comprend:

1 º dix pour cent (10%) non remboursable du montant de la

2 º mirongo icyenda ku ijana (90%) ishobora gusubizwa y'ingano y'ingwate yo gusana ibidukikije.

**Ingingo ya 7: Uburyo bw'itangwa ry'ingwate yo gusana ibidukikije**

Uwahawe uruhushya rwo gucukura amabuye y'agaciro cyangwa kariyeri yishyura ingwate yo gusana ibidukikije kuri konti y'Ikigega cy'Igihugu cy'Ibidukikije, mbere yo gutangira ibikorwa by'ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro cyangwa kariyeri.

**Ingingo ya 8: Icyemezo cyo gusana ibidukikije**

Iyo uwahawe uruhushya rwo gucukura amabuye y'agaciro cyangwa kariyeri arangije gusana ibidukikije byangijwe biturutse ku bikorwa by'ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro cyangwa kariyeri, asaba, mu nyandiko, urwego rufite kubungabunga ibidukikije mu nshingano zarwo icyemezo cy'uko yasannye ibidukikije.

2 º ninety percent (90%) that may be refunded of the amount of environmental rehabilitation guarantee.

**Article 7: Modalities for depositing environmental rehabilitation guarantee**

The mining or quarry licence holder deposits the environmental rehabilitation guarantee to the bank account of the National Fund for Environment, before starting mining or quarrying operations.

**Article 8: Certificate of environmental rehabilitation**

When mining or quarry licence holder completes rehabilitation of environment degraded as a result of mining or quarry operations, he or she requests, in writing, from the organ in charge of environmental protection a certification of completion of environmental rehabilitation.

caution de réhabilitation de l'environnement;

2 º quatre-vingt-dix pourcent (90%) qui peut être remboursé du montant de la caution de réhabilitation de l'environnement.

**Article 7: Modalités de dépôt de la caution de réhabilitation de l'environnement**

Le titulaire d'un permis minier ou de carrière verse la caution de réhabilitation de l'environnement au compte bancaire du Fonds National de l'Environnement, avant de commencer les opérations minières ou de carrières.

**Article 8: Certificat de réhabilitation de l'environnement**

Lorsque, le titulaire d'un permis minier ou de carrière achève la réhabilitation de l'environnement dégradée sous l'effet des opérations minières ou de carrières, il demande, à l'écrit, à l'organe ayant la protection de l'environnement dans ses attributions un certificat de fin de réhabilitation de l'environnement.

Nyuma y'imyaka itatu (3), uwahawe uruhushya rwo gucukura amabuye y'agaciro cyangwa kariyeri ahawe icyemezo cy'uko yasannye ibidukikije, asaba, mu nyandiko, urwego rufite kubungabunga ibidukikije mu nshingano zarwo icyemezo kigaragaza ko nta buryozwe bwo gusana ibidukikije busigaye.

**Ingingo ya 9: Isubizwa ry'ingwate yo gusana ibidukikije**

Uwahawe uruhushya rwo gucukura amabuye y'agaciro cyangwa kariyeri asaba, mu nyandiko, Ikigega cy'Igihugu cy'Ibidukikije gusubizwa ingwate yo gusana ibidukikije yatanze. Iyo nyandiko igomba kuba iherekejwe n'icyemezo kigaragaza ko nta buryozwe bwo gusana ibidukikije busigaye.

Ikigega cy'Igihugu cy'Ibidukikije gisubiza uwahawe uruhushya rwo gucukura amabuye y'agaciro cyangwa kariyeri ingwate yatanze, hakurikijwe ibivugwa mu ngingo ya 6 y'aya mabwiriza.

After three (3) years, the mining or quarry licence holder is provided with the certification of completion of environmental rehabilitation, he or she requests, in writing, from the organ in charge of environmental protection a certification of non-outstanding liabilities for environmental rehabilitation.

**Article 9: Refund of environmental rehabilitation guarantee**

The mining or quarry licence holder requests, in writing, from the National Fund for Environment, to be refunded the deposited environmental rehabilitation guarantee. The certification of non-outstanding liabilities for environmental rehabilitation must be annexed to the request.

The National Fund for Environment refunds the deposited guarantee to the mining or quarry licence holder, in accordance with provisions of Article 6 of these Regulations.

Trois (3) ans après que le titulaire d'un permis minier ou de carrière a obtenu le certificat de fin de réhabilitation de l'environnement, il demande, à l'écrit, à l'organe ayant la protection de l'environnement dans ses attributions un certificat qui atteste qu'il n'y a plus d'obligations de réhabilitation de l'environnement.

**Article 9: Remboursement de la caution de réhabilitation de l'environnement**

Le titulaire d'un permis minier ou de carrière demande, à l'écrit, au Fonds National de l'Environnement le remboursement de la caution de réhabilitation de l'environnement versée. La demande doit être accompagnée du certificat qui atteste qu'il n'y a plus d'obligations de réhabilitation de l'environnement.

Le Fonds National de l'Environnement rembourse au titulaire d'un permis minier ou de carrière la caution versée, conformément aux dispositions de l'article 6 des présents règlements.

**<u>Ingingo ya 10</u>: Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'aya mabwiriza**

Ingingo zose z'amabwiriza abanziriza aya kandi zinyuranyije na yo bivanyweho.

**<u>Ingingo ya 11</u>: Igihe aya mabwiriza atangirira gukurikizwa**

Aya mabwiriza atangira gukurikizwa ku munsi atangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.

Kigali, ku wa 18/07/2019

**(sé)**
**GATARE Francis**
Umuyobozi Mukuru w'Ikigo gishinzwe Mine, Peteroli na Gazi mu Rwanda

**Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika :**

**(sé)**
**BUSINGYE Johnston**
Minisitiri w'Ubutabera/Intumwa Nkuru ya Leta

**<u>Article 10</u>: Repealing provision**

All prior provisions contrary to these Regulations are repealed.

**<u>Article 11</u>: Commencement**

These Regulations come into force on the date of their publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.

Kigali, on 18/07/2019

**(sé)**
**GATARE Francis**
Chief Executive Officer of Rwanda Mines, Petroleum and Gas Board

**Seen and sealed with the Seal of the Republic:**

**(sé)**
**BUSINGYE Johnston**
Minister of Justice/Attorney General

**<u>Article 10</u>: Disposition abrogatoire**

Toutes les dispositions antérieures contraires aux présents règlements sont abrogées.

**<u>Article 11</u>: Entrée en vigueur**

Les présents règlements entrent en vigueur le jour de leur publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.

Kigali, le 18/07/2019

**(sé)**
**GATARE Francis**
Directeur Général en Chef de l'Office Rwandais des Mines, du Pétrole et du Gaz

**Vu et scellé du Sceau de la République :**

**(sé)**
**BUSINGYE Johnston**
Ministre de la Justice/Garde des Sceaux